# Ibihano bikomeye bizabona abisukura (udhu) ntibabikore neza, mujye mwisukura (Udhu) mu buryo bwuzuye

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Twagarukanye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) tuvuye i Makat tugiye i Madinat, ubwo twari tugeze ku iriba mu nzira, bamwe mu bantu bihutishije iswalat yo ku gicamunsi (Al Asri), bafata isuku (Udhu) bafite ubwira, nuko tuhageze tubona udutsintsino twabo tutagezeho amazi, maze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: "Ibihano bikomeye bizabona abisukura (udhu) ntibabikore neza, mujye mwisukura (Udhu) mu buryo bwuzuye."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagize urugendo rwo kuva Makat ijya i Madinat iri hamwe n'abasangirangendo bayo, ubwo bari mu nzira, babonye amazi bamwe muri bo bihutira gutawaza kugira ngo basali iswalat ya Al Asr, kugeza ubwo ku dutsintsino twabo hatigeze hagera amazi ku buryo bugaragara, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Ibihano by'umuriro bizabona abatawaza ntibabikore neza hakagira ahasigara nko ku dutsintsino, nuko ibategeka ko bagomba kujya batawaza neza mu buryo bwuzuye.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/66392